# **Ishyaka RDI-Rwanda Rwiza liratabaliza abaturage ba Kangondo na Kimiraro**

Nyuma yo kumenya amakuru y'akarengane gakomeje gukorerwa abaturage ba Kangondo na Kibiraro mu mugi wa Kigali, aho bakomeje kuvanwa mu mitungo yabo ku ngufu hirengagijwe amategeko. Byumwihariko ubu kuva ejo nijoro taliki 14/09/2022 bakaba bagoswe n'inzego zishinzwe umutekano.ibi bikaba bije nyuma y'aho umwe muri abo baturage witwa Shikama Jean de Dieu aherutse gufungwa agahimbirwa ibyaha, nyamara azira kuvuga akarengane we na bagenzi be bakomeje gukorerwa na Leta kuva 2018 kugera uyu munsi, aho bamwe bavanywe mu byabo ku ngufu, abandi bagakubitwa ndetse abagore bagafatwa ku ngufu n'igisirikare cy'u Rwanda.

Tugendeye kuri ibi byose ndetse n'bindi tutarondora bijyanye nakarengane k'abanyarwanda bakorerwa n'ubutegetsi hirya no hino mu gihugu.

Ishyaka RDI Rwanda Rwiza riramenyesha abanyarwanda bose n'umuryango mpuzamahanga ibi bikurikira :

1. Ishyaka RDI Rwanda Rwiza, ryamaganye akakarengane kamaze imyaka 4 gakorerwa abaturage ba Kangondo na Kibiraro mu mujyi wa Kigali.

2. Turasaba Leta y'uRwanda guhagarika gukoresha inzego zishinzwe umutekano mu guhohotera aba baturage no kubafata nk'abigometse igihe bo basaba iyubahirizwa ry'amategeko no guhabwa uburenganzira ku mitungo yabo bityo bakimurwa kubwumvikane kandi bahawe ingurane ihwanye nagaciro k'imitungo yabo aho kubafatirana hagenderewe ku kubambura ibyabo ku mayeri.

3. Turasaba Abanyarwanda b'umutima bose guhagurukira iki kibazo no gutera ingabo mu bitugu abaturage ba Kangondo na Kibiraro kugirango uburenganzira bwabo basaba bwubahirizwe.

Bikorewe i Bruxelles kuwa 15/09/2022

**Faustin Twagiramungu**

President wa RDI Rwanda Rwiza.